**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**Gasabo, ku wa 19/05/2014**
**Ref.N° : 033/07.01.02 NJYG/2014**


**UMUJYI WA KIGALI**
**AKARERE KA GASABO**
**WEBSITE : www.gasabo.gov.rw**
**E-mail : info@gasabo.gov.rw**
**B.P. 7066 KIGALI**


Bwana Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali
**KIGALI.**

**Impamvu**: Kohereza imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa 14/05/2014.

Bwana Muyobozi,

Nejejwe no kubohererereza ku mugereka w'iyi baruwa imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yateranye ku itariki ya 14 Gicurasi 2014.

Mugire amahoro.

VICE PEREZIDA

**MUNYENTWARI Alfred**
Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo.

**Bimenyeshejwe**:
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Gasabo.

**KIGALI**

## IMYANZURO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GASABO YATERANYE KU WA 14 GICURASI 2014

Ku wa gatatu tariki ya 14 Gicurasi 2014, saa kumi n'imwe n'iminota mirongo ine z'umugoroba (17h40) ku biro by'Akarere ka Gasabo mu cyumba cy'inama, hateraniye inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, iyobowe n'Umuyobozi wayo **Bwana MUNYENTWARI Alfred.**

Ku Bajyanama 28 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, iyi nama yitabiriwe n'Abajyanama 25 bakurikira :

**Abajyanama bitabiriye inama** :

1. Umujyanama MUNYENTWARI Alfred
2. Umujyanama KAREMERA Francis
3. Umujyanama MUKESHIMANA Régine
4. Umujyanama GACONDO Frédéric
5. Umujyanama KANKINDI GAHIRE Rose
6. Umujyanama KAREGA Diogène
7. Umujyanama KAYISIRE Callixte
8. Umujyanama MUGENZI N. Léon
9. Umujyanama MASOZERA G. Pierre
10. Umujyanama MUHINDA David
11. Umujyanama MUKARUBUGA Ancilla
12. Umujyanama MULIGANDE Benjamin
13. Umujyanama MUNARA Jean Claude
14. Umujyanama MUSABYIMANA K. Yvonne
15. Umujyanama MUSIRIKARE David
16. Umujyanama MUZINGA Sam Mandela
17. Umujyanama NGENDO Alphonse
18. Umujyanama NSENGIYUMVA Ildephonse
19. Umujyanama SHEMA NGOGA Fabrice
20. Umujyanama UMULIZA Jackline
21. Umujyanama UWAMAHORO Claudine
22. Umujyanama UWANTEGE Olive
23. Umujyanama UWANTEGE Solange
24. Umujyanama UWIMANA Marie Louise
25. Umujyanama UWIMANA UMULISA Enatha.

**Abajyanama batitabiriye inama ku mpamvu zizwi**:

1. Umujyanama MUKARUKIZA Félicité
2. Umujyanama NDIZEYE K. Willy
3. Umujyanama UWAMALIYA Florentine

**Abandi bitabiriye inama:**

1. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere w'agateganyo;
2. Umuyobozi w'Ishami ry'Igenamigambi;
3. Abayobozi b'imirimo mu Karere n'abakozi bahagarariye za serivisi bose.

## INGINGO ZARI KU MURONGO W'IBYIGWA

1. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama yateranye ku wa 15.3.2014;
2. Raporo y'ibikorwa by'Akarere y'igihembwe cya gatatu 2013-2014;
3. Raporo ya Komite Nyobozi ku kibazo cy'ahazubakwa ibiro by'Umurenge wa Kimihurura;
4. Kwemeza ku mwanya w'umurimo Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere.

## UKO INAMA YAGENZE N'IMYANZURO YAFASHWE.

Nyuma yo kuririmba indirimbo yubahiriza Igihugu Umuyobozi w'Inama Njyanama yahaye ikaze abitabiriye inama, anabagezaho ingingo ziteganyijwe gusuzumwa muri iyi nama nk'uko bazohererejwe mu butumire, maze ku bwumvikane busesuye barazemeza, bemeza ko ziri bukurikirane mu buryo bukurikira:

## INGINGO ZASUZUMWE N'UBURYO ZAKURIKIRANYE.

1. Raporo ya Komite Nyobozi ku kibazo cy'ahazubakwa ibiro by'Umurenge wa Kimihurura;
2. Raporo y'ibikorwa by'Akarere y'igihembwe cya gatatu 2013-2014;
3. Kwemeza ku mwanya w'umurimo Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere;
4. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama yateranye ku wa 15.3.2014.

**Ingingo ya mbere: Raporo ya Komite Nyobozi ku kibazo cy'ahazubakwa ibiro by'Umurenge wa Kimihurura**

Kuri iyi ngingo umuyobozi w'inama yibukije ko mu nama iheruka yateranye ku wa 15/3/2014 hari umwanzuro wafashwe wemezaga ahazubakwa ibiro by'Umurenge wa Kimihurura ariko Komite Nyobozi ikaba yaragaragaje ko yahuye n'imbogamizi mu gushyira mu bikorwa uwo mwanzuro, bityo akaba ariyo mpamvu iyi ngingo yongeye gusuzumwa mu nama y'Inama Njyanama. Amaze gusobanura impamvu iyi ngingo yongeye gusuzumwa yasabye umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, uhagarariye Komite Nyobozi kuko Umuyobozi w'Akarere ari mu kiruhuko cy'umwaka kandi atashoboye kwitabira inama ngo ageze kubagize Inama Njyanama uko ikibazo giteye ndetse n'ibyo basaba Inama Njyanama ko yafataho imyanzuro.

Umuyobozi wungirije amaze guhabwa umwanya yagaragaje imbogamizi bahuye nazo mu gushyira mu bikorwa umwanzuro n° 36.10.482 wemeje ko Umurenge wa Kimihurura wakubakwa mu Kagari ka Kamukina, asobanura ko ikibanza bari bahabonye hari abaturage baje kuvuga ko ari icyabo ndetse

icyo kibanza kikaba kiri no mu nkiko. Yongeyeho ko Komite Nyobozi imaze guhura n'iyo mbogamizi yagishije inama Inzego Nkuru z'Igihugu zikababwira ko bashaka ikindi kibanza.

Komite Nyobozi yakomeje gushaka ahandi hakubakwa ibiro by'uyu Murenge, ikaba yarabonye ikibanza gicungwa na Komisiyo Ishinzwe gucunga imitungo itagira bene yo, kikaba kitubatsemo ikintu na kimwe, kiri mu Kagari ka Rugando Umudugudu wa Rebero kandi ahantu giherereye hakwiranye n'inyubako y'ubuyobozi. Asoza ijambo rye yasabye ko Inama Njyanama yakwemeza ko Umurenge wa Kimihurura wazubakwa muri icyo kibanza kandi ukahubakwa nk'umushinga w'inyungu rusange nk'uko biteganywa n'itegeko n$^{o}$ 18/2007 ryo kuwa 19/4/2007 ryerekeye kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange, mu ngingo ya 5, akarongo ka 16, bavugamo ko "*inyubako z'inzego z'ubuyobozi bwa Leta n'ibigo byayo, ibigo mpuzamahanga na za amabasade*" ari ibikorwa by'inyungu rusange. Ikindi yasobanuye ni uko Komisiyo y'Ubutaka ku rwego rw'Akarere idakora kandi ibyo yagombaga gukora birebana n'ingingo ya 11 y'iryo tegeko Komite Nyobozi yabikoze bityo akaba asaba Inama Njyanama kwemeza umushinga wo kubaka ibiro by'Umurenge wa Kimihurura nk'inyungu rusange.

Abari mu nama bamaze kugezwaho iyo raporo kungurana ibitekerezo no gusanga ibiteganywa n'itegeko n$^{o}$ 18/2007 ryo kuwa 19/4/2007 ryerekeye kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange, mu ngingo ya 5, akarongo ka 16 byubahirijwe ndetse n'ingingo ya 11 y'iryo tegeko Komite Nyobozi yarayubahirije kubera ko Komisiyo y'Ubutaka ku rwego rw'Akarere idakora, bamaze kandi gusuzuma ibyangombwa bigaragaza ibyifuzo bya Komite Nyobozi bafashe imyanzuro ikurikira :

**Umwanzuro No 37.01.493**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo imaze gusuzuma no gusesengura ikibazo cyagaragajwe na Komite Nyobozi y'Akarere mu gushyira mu bikorwa umwanzuro n$^{o}$ 36.10.482 wemejwe n'Inama Njyanama mu nama yateranye ku wa 15 Werurwe 2014, yasubiye kuri uyu mwanzuro maze yemeza ko ibiro by'Umurenge wa Kimihurura bizubakwa mu Kagari ka Rugando.

**Umwanzuro No 37.02.494**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo imaze gusuzuma icyo itegeko riteganya ku bikorwa byo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange yemeje ko ahazakorerwa umushinga wo kubaka ibiro by'Umurenge wa Kimihurura bizubakwa ku mpamvu z'inyungu rusange mu kibanza n$^{o}$ 391 gifite ubuso bwa $m^2$ 4301.6 giherereye mu Murenge wa Kimihurura Akagari ka Rugando Umudugudu wa Rebero. Umutungo uri aho hazakorerwa uwo mushinga ukazishyurwa ku nyungu rusange.

Iyi myanzuro yemejwe n'Abajyanama 21 kuri 21 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya kabiri</u>: Raporo y'ibikorwa by'Akarere y'igihembwe cya gatatu 2013-2014**

Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu yahawe umwanya ageza ku bagize Inama Njyanama raporo y'ibikorwa by'Akarere y'igihembwe cya gatatu 2013-2014. Yasobanuye ko ibikorwa byakozwe bikubiyemo ibikorwa byakozwe n'Inama Njyanama, ibyakozwe na Komite Nyobozi, Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Akarere n'ibindi byakorewe muri serivisi zikorera mu Karere. Yongeyeho kandi ko ibikorwa biba byarakozwe biba birimo ibiri mu mihigo y'Akarere n'ibindi bikorwa hagamije kuzamura imibereho myiza y'abaturage, ndetse abigaragaza akoresheje uburyo bw'amashusho yerekana aho bigeze.

Abari mu nama bamaze kugezwaho ibikorwa byose byakozwe mu gihembwe cya gatatu 2013 2014, bunguranye ibitekerezo, bashima ibikorwa byakozwe n'uburyo raporo iteguye ariko bagaragaza impungenge z'uko idasobanura neza uburyo amafaranga yakoreshejwe (Budget execution) kugira ngo harebwe niba amafaranga akoreshwa ibyo yateganyirijwe, maze bemeza imyanzuro ikurikira:

**Umwanzuro No 37.03.495**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yashimye ibikorwa byakozwe n'Akarere ka Gasabo mu gihembwe cya gatatu 2013-2014, ishima n'uburyo raporo iteguye, ariko kubera ko imikoreshereze y'ingengo y'imari itagaragaye muri raporo, Inama Njyanama yemeje ko raporo yanozwa, hakagaragaramo imikoreshereze y'ingengo y'imari, zikazasuzumwa mu nama isanzwe y'Inama Njyanama iteganyijwe ku wa 31 Gicurasi 2014 nyuma y'umuganda rusange.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 23 kuri 23 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya gatatu</u>: Kwemeza ku mwanya w'umurimo Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere**

Kuri iyi ngingo, Umuyobozi w'Inama Njyanama yagejeje ku bari mu nama, ibikubiye mu ibaruwa No 0863/20/14 yo ku wa 14/5/2014 ya Komisiyo ishinzwe Abakozi ba Leta yanditse isaba gushyira mu mwanya umukandida Bwana INGABIRE Augustin watsinze amapiganwa n'amanota 82.25 % ku mwanya w'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere. Yasobanuye kandi ko nk'uko biteganywa n'itegeko no 87/2013 ryo kuwa 11/9/2013 rigena Imitunganyirize n'Imikorere y'Inzego z'Imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage mu ngingo ya 130 aho bavuga ko Komite Nyobozi y'Akarere ifite Inshingano zo gushakira Akarere abakozi bashoboye no kubemeza, uretse Umunyamabanga Nshingwabikorwa n'Umugenzuzi bemezwa n'Inama Njyanama, asaba abagize Inama ko niba nta miziro bamuziho bamwemeza kuri uwo mwanya w'umurimo. Yashimiye kandi Bwana Mudaheranwa Regis ubwitange yakoranye igihe amaze ku mwanya w'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere by'agateganyo kuko nta cyuho kigeze kugaragara mu Karere.

Abari mu nama bamaze kugezwaho igisubizo cya Komisiyo Ishinzwe Abakozi ba Leta kuri raporo y'amapiganwa yakoreshejwe na RALGA ku mwanya w'umurimo w'Umunyamabanga

Nshingwabikorwa w'Akarere, imaze gusuzuma no gusanga nta cyaha cyabuza Bwana INGABIRE Augustin kwemezwa kuri uyu mwanya w'umurimo yemeje umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro No 37.04.496**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo ishingiye ku itegeko no 87/2013 ryo kuwa 11/9/2013 rigena Imitunganyirize n'Imikorere y'Inzego z'Imitegekere y'Igihugu zegerejwe Abaturage mu ngingo ya 130, yemeje Bwana INGABIRE Augustin ku mwanya w'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Gasabo.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 24/24 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya gatatu</u>: Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama yateranye ku wa 15.3.2014**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama yahawe umwanya ageza ku bitabiriye inama inyandikomvugo y'inama yateranye ku wa 13 Werurwe 2014, ndetse anabagezaho ibaruwa Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali yasubije yemera ko iyo myanzuro yashyirwa mu bikorwa.

Abagize Inama Njyanama bamaze gusomerwa iyo nyandikomvugo, bayikoreye ubugororangingo nyuma bafashe umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro No 37.05.497**

Inama Njyanama y'Akerere ka Gasabo yemeje inyandikomvugo y'inama y'Inama Njyanama yateranye ku wa 15 Werurwe 2014 bamaze kuyikorera ubugororangingo.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama

Inama yari yatangiye saa kumi n'imwe n'iminota mirongo ine z'umugoroba (17h40) yashoje imirimo yayo saa tatu n'iminota mirongo ine z'ijoro (21h40). Umuyobozi w'Inama Njyanama ayisoza ashimira abayitabiriye, anabamenyesha ko ku itariki ya 16.5.2014, Umujyi wa Kigali uzibuka abari abakozi ba Perefegitura y'Umujyi wa Kigali n'abari abakozi b'ibyari Komini byahurijwe mu Mujyi wa Kigali, abasaba kuzajya kwifatanya n'Umujyi wa Kigali.

Bikorewe i Gasabo ku wa 14 Gicurasi 2014.

<u>Umwanditsi w'inama</u>

**MUKESHIMANA Régine**
Umunyamabanga w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Gasabo

<u>Umuyobozi w'inama:</u>
VICE PEREZIDA

**MUNYENTWARI Alfred**
Umuyobozi w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Gasabo